REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Rwanda Meteorology Agency

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°31/2017: **Taliki ya 01–10 Ugushyingo 2017**

Ryoherejwe kuwa 12 Ugushyingo 2017

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 1-10_Ugushyingo_2017; cyagaragaje imvura yabaye nke mu gihugu hagati naho ahandi hasigaye mu gihugu haboneka imvura isanzwe iboneka muri iyo minsi kugera ku gipimo cyo hejuru.
- Amashusho y'icyogajuru arerekana ubwiyongere ku bubobere bw'ubutaka hose mu gihugu kubera imvura yabonetse cyane mu gice cya mbere cy'Ugushyingo_2017 ugereranyije n'iyabonetse mu gice cya 3 cy'Ukwakira_2017
- **11-20_Ugushyingo_2017;** hateganyijwe **iyongera ry'imvura** mu minsi ya mbere y'iki gice cya 2; ariko muri rusange hakazaboneka imvura iri ku kigero cy'isanzwe iboneka.

I. Iriburiro

Mu gice cya 1 cy'Ugushyingo_2017; habonetse imvura yabaye nyinshi ku bupimiro bwinshi mu gihugu ndetse hamwe igaragarako yabaye nyinshi kurusha uko isanzwe iboneka muri iyi minsi, ahandi iba nkeya kuyari isanzwe iboneka (mu gihugu hagati)

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 01-10_Ugushyingo_2017 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	01-10_Ugushyingo_2017	01-10_Ugushyingo
Kigali	40.9	43.6
Rusizi (Kamembe)	77.9	63.4
Rubavu (Gisenyi)	42.2	56.6
Nyamagabe (Gikongoro)	101.2	40.5
Ngoma (Kibungo)	69.0	39.6
Gicumbi (Byumba)	62.3	58.5
Bugarama	78.5	33.7
Musanze (Ruhengeri)	82.6	56.8
Gitega	48.0	33.4
Rubengera	79.9	33.3
Byimana	62.0	43.0
Kawangire	47.2	47.6

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu 01-10_Ugushyingo_2017 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu 21-31_Ukwakira_2017 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Ugushyingo_2017



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Ugushyingo



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 21-31_Ukwakira_2017



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 21-31_Ukwakira



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 01-10_Ugushyingo_2017 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10_Ugushyingo; cyagaragaje imvura yabonetse ihagije; aho ku bupimiro bwose hagaragaye imvura iri hejuru ya mm33 ikaba ku gipimo cy'iyari isanzwe iboneka kugera ku gipimo cyo hejuru (reba **Ikarita1&2** ndetse **n'Imbonerahamwe ya1**); mu Majyaruguru; Amajyepfo ndetse n'Uburengerazuba ho tubona imvura nyinshi irengeje mm50

Naho mu mataliki ya 21-31_Ukwakira_2017; imvura yabonetse yari ku gipimo cyo hasi ugereranyije n'imvura yari isanzwe iboneka ayo mataliki (nkuko bigaragazwa n'**Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Ukwakira.2017 igice cya gatatu

Ikarita5: Ugushyingo.2017 igice cya mbere

Kuva taliki ya 21_Ukwakira kugeza 10_Ugushyingo_2017; Amashusho y'icyogajuru agaragaza ubwiyongere ku bubobere bw'ubutaka, bitewe n'ibihe by'imvura byabonetse muri iyi minsi 10 ya mbere y'ukwezi kw'Ugushyingo (reba **Ikarita 5&6**)

Iteganyagihe ry'igice cya kabiri Ugushyingo_2017

Mu gice cya kabiri cy'Ugushyingo_2017; hateganijwe imvura izaboneka hose mu gihugu ikazaboneka cyane mu minsi ya mbere ugereranyije n'indi minsi y'iki gice; imvura izaba iri ku kigereranyo cy'isanzwe iboneka; iteganyijwe kwiyongera mu Burengerazuba ndetse n'Amajyaruguru by'igihugu

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)